Ministeri y'Ubutabera ya Leta
Zunze Ubumwe z'Amerika
Federal Bureau of Investigation

# IHUNGABANA N'IHUNGETWA UKO WABYITWARAMO

## IHUNGABANA RYA HAFI

**Ihungabana rya hafi rishigiye ku guhutaza umuntu ni igihe wugarijwe n'akaga utewe n'umuntu ukwegereye ahungabanya umutekano wawe. Ufite amahitamo atatu:**

1. **Iruka:** Shaka inzira ucamo uhunga. Jugunya ibyo ufte byose bikubuza kwihuta. Niba bishoboka, fasha abandi guhunga. Hamagara 911.
2. **Ihisha:** Ihisha kure y'icyago. Funga inzugi cyangwa urwinjiriro. Cecekesha telefone yawe uvanemo na vibrasiyo kandi ukomeze uceceke kugeza ubwo ikiguhungabanya kirangiye.
3. **Rwana:** Kurwana bigomba kubsa igisubizo cya nyuma mu gihe ubuzima bwawe bugeze ahakomeye.Gerageza kunesha ikiguhungabanya. Koresha imbaraga n;ubukana bwose bushoboka.

**Ihungabana rya hafi rishingiye ku magambo ni iridashyira umuntu mu kaga ako kanya cyangwa rizashyirwa mu bikorwa ikindi gihe.**

- Andika cyangwa ufate amajwi y'ibiguhungabanya ntacyo uhinduyeho.
- Fata byinshi bishoboka mu biranga wo muntu urimo kuguhiungabanya: izina, isura, ibara ry'uruhu, igitsina, indeshyo, ibiro, ibara ry'umusatsi n'amaso, ijwi, imyambaro, cyangwa ikindi cyose kimuranga.
- Bimenyeshe abashinzwe umutekano.

## IHUNGABANA RICIYE KURI TELEFONE

**Ihungabana riciye kuri telefone ni ihungabana rigukorerwaho kuri telefone. Gerageza utare amakuru menshi ashoboka k'uguhamagaye m'ihungabanya agukorera, kereste niba wugarijwe cyangwa bishobora kwangiza ubuzima bwawe cyangwa ubw'abandi.**

- Gumana ituze ugume no kuri telefone.
- Gumisha uguhamagaye kuri telefone igihe kinini gishoboka, unasuzuma uburemere bw'ihungabana ryawe n'amakuba rishobora kugushyiramo cyangwa abandi.
- Niba bishoboka, cira amarenga abakwegereye kugira ngo bumve kandi bamenyeshe inzego z'umutekano.
- Kopora ibimenyetso byose bya telefone yaguhamagaye.
- Andika amagambo yakoreshejwe mu kuguhungabanya.
- Fata amajwi y'uguhamagaye niba bishoboka..
- Ganira n'inzego z'umutekano ku byakubayeho.

## IHUNGABANA RICIYE MU IKORANABUHANGA

**Ihungabana riciye mu ikoranabuhanga ni ihungabana rigukorerwa binyujijwe mu butumwa bwanditse, email, cyangwa imbuga nkoranyambaga. Rishobora kuba ryitwaje ibikangisho byo guharabika cyngwa ingaruka mbi k'uwakiriye ubutumwa ntabwubahirize.**

- Ntugafungure ubutumwa bw'ikoranabuhanga utazi uwabwohereje.
- Ntukaganire n'abantu utazi ku mbuga nkoranyambaga..
- Koresha uburinzi buhanitse bwateganyijwe muri telefone.

**Niba uhungabanye biciye mu ikoranabuhanga:**

- Wihanagura ubutmwa bwandiste. Isuzuma ryimbitse rishobora kuvumburamo ibimenyetso bikomeye.
- Siga ubutumwa bufunguye kuri mudasobwa yawe.
- Ihutire kumenyesha abashinzwe umutekano.
- Fotora cynga ukoporore ubutumwa,insangamatsiko, itariki, n'isaha.
- Bika ibimenyetso byose by'ikoranabuhanga.

## IBITERO BICIYE MU IKORANABUHANGA

**Ibitero biciye mu ikoranabuhanga bishobora gucengera mubikoresho byawe by'ikoranabuhanga kandi bigashyira hanze umwirondoro wawe.**

- Koresha amagambo y'ibanga akomeye kandi ntukoreshe amagambo amwe ku mbuga zitandukanye.
- Shyira mu bikoresho byawe progaramu zirwanya virusi kandi zivugurura ubwazo.
- Shyira mu bikoresho byawe progaramu za mudasobwa zigezweho zikimara gushoka.
- Koresha uburyo bubiri bwo kwinjira mu mashini zawe z'ikoranabuhanga.
- Hunika kenshi ibyo ubitse kuri mudasobwa.

**Niba ucyeka ko wagabweho ibitero biciye mu ikoranabuhanga:**

- Ntuhanagure cyangwa ngo usibe progaramu mudasobwa yawe ikoresha.
- Hita umenyesha ibigo by'imari mukorana ngo birinde ubujura konti zawe.
- Hindura amagambo y'ibanga unacungire hafi ibikorwa bidasanzwe byibasira konti zawe.

***Niba uri mu byago ako kanya, hamagara 911.***

*Niba uri mu kaga, hamagara ibiro bya FBI bikwegereye (ubisanga kuri www.fbi.gov) cyangwa utange amakuru biciye kuri 1-800-CALLFBI (cyangwa 1-800-225-5324) cyangwa kuri www.fbi.gov/tips.*

***Ushobora no kubimenyesha FBI utivuze uwo uri we ukoresheje telefone cyangwa mudasobwa.***

Ministeri y'Ubutabera ya Leta
Zunze Ubumwe z'Amerika
Federal Bureau of Investigation

# IHUNGABANA N'IHUNGETWA UKO WABYITWARAMO

## Ni Inde nahamagara mpuhe n'ihungabana cyangwa ihungetwa: polisi cyangwa FBI?

- Hamagara polisi ikwegereye kuri 911 niba wowe cyangwa abandi mwugarijwe n'ibyago.
- Niba uhuye n'ihungabana rifatwa nk'icyaha ku rwego rw'igihugu, bimenyeshe ibiro bya FBI bikwegereye (jya kuri www.fbi.gov) uhamagaye 1-800-CALLFBI (cyangwa 1-800-225-5324) nyagwa ujye kuri www.fbi.gov/tips. Ingero ni nk'ihungabana ritewe n'intasi ya Leta y'amahanga, udutsuko tw'inkoz z'ibibi, cyangwa umukozi wa Leta. Ushobora futanga ayo makuru utavuze uwo uri we.
- Ntabwo ikibaye cyose gikorwaho iperereza na FBI. Niba ugzweo ingaruka n'igikorwa kidahanwa nk'icyaha cyo ku rwego rw'igihu, ushobora kubimenyesha polisi ikwegereye. Inzego zo hasi n'iza Leta mu gace utuyemo zifite inzira zitandukanye zo gukora iperereza ku byaha byaba byakozwe.

## Ni iki nakwitega mu gihe mbajijwe na FBI?

- Umukozi wa FBI ashobora guhura nawe mu biro by'akarere bya FBI cyangwa ahandi.
- FBI izagusaba gutanga amakuru menshi ashoboka ku muntu waguhohoteye ndetse n'ibimenyetso by'ihungabana wahuye naryo.
- FBI izakubaza uburyo bakubona bibaye ngombwa ko bongera kugukenera.
- FBI izagerageza kurinda umwirondoro wawe no kukubikira ibanga.
- Niba ari ngombwa, inzobere ya FBI mu gutabara abagizweho ingaruka n'ibyaha bakorewe ishobora kuzaba ihari mu gihe cy'ibazwa ryawe kugira ngo itange amakuru n'ubufasha, cyangwa iakazagushaka ikoresheje telefone cyangwa email nyuma y'ibazwa.

## Ni ikihe gipimo FBI igenderaho mu kukora iperereza ku kirego cyanwgwa mu gutangira urubanza mu butabera?

- FBI ifite ubushobozi bwo gukora iperereza ku bikorwa bihunganya umutekano byica amategeko ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu gihe igirira nabi cyangwa bigateza ibyago ubikorewe.
- Ubushobozi bwa Leta y'Amerika bwo gucira abantu imanza zerekeranye n'ibyaha byo gu guhungabanya umutekano bugendera ku bintu byinshi. Muri byo harimo uburemere bw'ibimenyetso, ubushobozi bwo kumenya neza abaregwaho icyaha, kugaragaza uko icyaha cyateguwe, n'ubushobozi bwo guta muri yombi abakoze icyaha.

## Ni iki nakwitega mu gihe FBI itangije urubanza mu butabera?

- Niba FBI yemeza ko icyaha cyo ku rwego rw'igihugu cyakozwe, umwe cyangwa benshi mu bakozi ba FBI bazakora iperereza. Mu rwego rw'iryo perereza, abo bakozi bazakusanya ibimenyetso, bishobora kuziyongeraho n'ibazwa ryawe ndetse n'iy'abandi bagizweho ingaruka z'icyo cyaha.
- Ushobora no gusabwa kugaragaza ibyakubayeho imbere y'abashyizwe mu itsinda ryo guca urubanza ku rwego rw'igihugu.
- Iperereza rizakorwa kugeza ku musozo. Iperereza rishobora gufata igihe kinini mbere y'uko rirangira kandi nta makuru ya buri munsi y'aho iperereza rigeze uzajya uhabwa. Hazakorwa ibishoboka ngo umenyeshwe intambwe nyamukuru zatewe mu iperereza, nk'uwatawe muri yombi cyangwa uwajyanywe mu butabera. FBI ishishikajwe no kubanza kukugezaho ayo makuru mbere y'uko ashyirwa ku karubanda, mu gihe bizaba bishoboka. Ariko FBI igomba guhora yigengesereye mu gushyira hanze amakuru kugira ngo adateza ingorabe iperereza cyangwa asgashyira mu kaga abashinzwe umutekano.
- Inzobere ya FBI mu kwita ku bahuye n'ibibazo izaba ihari kugira ngo ihe ababikeneye ubufasha, amakuru, ndetse n'ibigo bakwiyambaza bibaye ngombwa.

***N'ubwo waba waratanze ibimenyetso by'ihungabana n'ihungetwa ntibigire uwo bijyana mu butabera, birashoboka ko byazagirira akamaro abandi bahohoterwa bifasha FBI mu kgukurikiranira hafi ibyaha byo guhungabanya umutekano no gutahura inzira nshya z'ubugizi bwa nabi.***

*AHO IBIRO BYA FBI BIBARIZWA MU MIJYI NA LETA WABISANGA KURI WWW.FBI.GOV. NIBA URI MU BYAGO BY"AKO KANYA, HAMAGARA 911.*